**ITEKA RYA MINISITIRI Nº004/19/10/TC RYO KU WA 29/04/2019 RIGENA UMUBARE W'IBYACURUJWE KU MWAKA USABWA KUGIRA NGO IBITABO BY'IBARURAMARI BYEMEZWE**

**MINISTERIAL ORDER Nº004/19/10/TC OF 29/04/2019 DETERMINING THE ANNUAL TURNOVER REQUIRED FOR CERTIFICATION OF FINANCIAL STATEMENTS**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº004/19/10/TC DU 29/04/2019 DÉTERMINANT LE CHIFFRE D'AFFAIRES ANNUEL REQUIS POUR CERTIFICATION DES ÉTATS FINANCIERS**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Umubare w'ibyacurujwe ku mwaka usabwa kugira ngo ibitabo by'ibaruramari byemezwe**

**Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 3: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Required annual turnover for certification of financial statements**

**Article 2: Repealing provision**

**Article 3: Commencement**

**TABLE DES MATIÈRES**

**Article premier: Chiffre d'affaires annuel requis pour la certification des états financiers**

**Article 2: Disposition abrogatoire**

**Article 3: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI Nº004/19/10/TC RYO KU WA 29/04/2019 RIGENA UMUBARE W'IBYACURUJWE KU MWAKA USABWA KUGIRA NGO IBITABO BY'IBARURAMARI BYEMEZWE**

**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;

Ashingiye ku Itegeko nº 016/2018 ryo ku wa 13/04/2018 rishyiraho imisoro ku musaruro, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 13;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 03/04/2019, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**MINISTERIAL ORDER Nº004/19/10/TC OF 29/04/2019 DETERMINING THE ANNUAL TURNOVER REQUIRED FOR CERTIFICATION OF FINANCIAL STATEMENTS**

**The Minister of Finance and Economic Planning,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121,122 and 176;

Pursuant to Law nº 016/2018 of 13/04/2018 establishing taxes on income, especially in Article 13;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 03/04/2019;

**ORDERS:**

**ARRÊTÉ MINISTÉRIEL Nº004/19/10/TC DU 29/04/2019 DÉTERMINANT LE CHIFFRE D'AFFAIRES ANNUEL REQUIS POUR CERTIFICATION DES ÉTATS FINANCIERS**

**Le Ministre des Finances et de la Planification Économique,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi n° 016/2018 du 13/04/2018 établissant les impôts sur le revenu, spécialement en son article 13;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 03/04/2019;

**ARRÊTE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Umubare w'ibyacurujwe ku mwaka usabwa kugira ngo ibitabo by'ibaruramari byemezwe**

Umusoreshwa wese ugejeje ku mubare w'ibyacurujwe ku mwaka ungana cyangwa urenga miliyoni magana atandatu (600.000.000) z'amafaranga y'u Rwanda agomba kunyuza ibitabo by'ibaruramari by'umwaka k'uwabigize umwuga wemewe n'ubuyobozi bw'imisoro kugira ngo abyemeze.

Icyakora, umusoreshwa uranguza inzoga, limonade, soda, imitobe, sima, ucuruza peteroli n'ibiyikomokaho n'ufite ibiro bivunja amafaranga y'amanyamahanga n'ikigo cy'ubugenzuzi ntibarebwa n'inshingano ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo keretse mu gihe bakomatanya ibikorwa.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**<u>Article One</u>: Required annual turnover for certification of financial statements**

Any taxpayer with an annual turnover of or above six hundred million (600,000,000) Rwandan francs is obliged to have his or her financial statements certified by a qualified professional approved by the tax administration.

However, a taxpayer operating as a distributor of beer, lemonades, soda, juice, cement, petrol and petroleum products dealer and owner of a forex bureau and an audit firm are not bound by the obligation referred to in Paragraph One of this Article except in case they cumulate activities.

**<u>Article 2</u>: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are repealed.

**<u>Article premier</u>: Chiffre d'affaires annuel requis pour la certification des états financiers**

Tout contribuable dont le chiffre d'affaires annuel est égal ou supérieur à six cent millions (600.000.000) de francs rwandais est tenu de faire certifier ses états financiers annuels par un professionnel qualifié agréé par l'administration fiscale.

Toutefois, un contribuable opérant comme distributeur de bière, limonades, soda, jus, ciment, pétrole et produits pétroliers, un propriétaire d'un bureau de change et un cabinet d'audit ne sont pas tenus à l'obligation visée à l'alinéa premier du présent article sauf lorsqu'ils cumulent les activités.

**<u>Article 2</u>: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**<u>Article 3</u>: Commencement**

This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**<u>Article 3</u>: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 29/04/2019

(sé)
**Dr. NDAGIJIMANA Uzziel**
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 29/04/2019

(sé)
**Dr. NDAGIJIMANA Uzziel**
Minister of Finance and Economic Planning

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 29/04/2019

(sé)
**Dr. NDAGIJIMANA Uzziel**
Ministre des Finances et de la Planification Économique

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux